UMWEPISIKOPI YASUYE SANTRALI YA KANAMA YO MURI PARUWASI KATEDRALE YA NYUNDO AFUNGURA INZU MBERABYOMBI ABAKRISTU BIYUJURIJE

Kuri icyi cyumweru tariki 05/11/2017, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya NYUNDO, yaturiye Igitambo cy'Ukaristiya muri Santrale Nyina wa Jambo ya Kanama iri muri Paruwasi Katedrale ya Nyundo. Yaboneyeho rero gufungura ku mugaragaro **Inzu mberabyombi** yaho abakristu biyujurije. Kuri icyi cyumweru kandi nibwo Kiliziya Gatolika mu Rwanda yahimbaje umunsi mukuru **w'Abatagatifu bose.**

Iyi nzu mberabyombi ikaba irangiye itwaye amafaranga agera kuri (71,991,045Frs).

Ubutumwa Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yageneye abari baje guhimbaza umunsi mukuru w'Abatagatifu bose:

Bakristu Bavandimwe, uyu munsi turahimbaza abatagatifu bazina bacu bageze mu ihirwe ry'Ijuru. Kubera ko twese twabatijwe, buri wese afite umutagatifu yitiriwe, ni ukuvuga ko twese uyu munsi mukuru ari uwacu. Kwibuka abatagatifu bazina bacu, ni nokubiyamabaza ngo bakomeze badutakambire ku Mana. Kubera ko bo barangije kuba abahire b'Imana. Amasomo matagatifu y'uyu munsi cyane cyane Ivanjili yanditswe na Matayo twumvise, aratubwira abahire abo ari bo n'abashobora kuba bo.

Twumvise ko ababa abatagatifu, cyangwa se ababaye bo ari abiyoroshya,ari abasonzera ubutungane bakabugirira inyota,ari abagira impuhwe,ari abahora bakeye ku mutima, ari abatera amahoro. Bakristu, Bavandimwe, dushobora kuvuga ngo ibyo byose ni byinshi, ntitwabishobora,dushobora kuvuga ngo inzira igana ku butagatifu iragoye. Nyamara rero bavandimwe kugira ngo tuzagere mu ihirwe ry'ijuru, twitwe natwe abatagatifu nka bakuru bacu,tuzabihabwa n'uko tuzaba twarabikoreye tukiri hano ku isi. Ntitwavuga rero tuti: ntitwabishobora kandi dufite bakuru bacu barigezemo tugomba kwigana imibereho,imvugo ,ingendo,ari bo bazina bacu batagatifu.

Abatagatifu Kiliziya iduha kwibuka none,bari abantu nkatwe, basaga natwe muri byose. Kamere muntu dufite niyo bari bafite. Ingeso zose tuvukana nabo bari bazifite. Ariko bararwanye izo ngeso mbi zose barazitsinda. Abatagatifu duhimbaza none, ntimukeke ko bavukanye ubutagatifu, nk'uko kera bavugaga ngo hari abavukana imbuto y'ubwami. Ubutagatifu bwabo barabukoreye, bityo bagororerwa kwitwa abahire. Bakoze byabindi twumvise mu isomo rya mbere: ngo bavuye mu magorwa akaze, bameshe amakanzu yabo bayezereza mu maraso ya Ntama. Ni ukuvuga ko bishushanyije na Kristu muri byose.

Ibyo babigezeho barangwa no kwiyoroshya, barangwa n'ubutungane,no kugira impuhwe,batera abandi amahoro. Abatagatifu twibuka none,ntabwo bari bafite urukingo rw'ibyaha. Nabo barakosaga nkatwe twese, ariko bakicuza,bakigorora n'Imana,bakigorora n'abavandimwe. Nabo bumvaga bafite irari ry'iby'isi rikunda kutunyuza mu nzira zitari iz'Imana.

Mu ijambo rimwe rero,ntawe uvukana imbuto y'ubutagatifu. Kuba umutagatifu bisaba umuhate. Urugero rwiza abatagatifu bazina bacu baduhaye tugomba kurwigana. Ni byiza ko buri wese yamenya amateka y'umutagatifu yitiriwe. Abakuru mukayasoma,(hari udutabo turimo ayo mateka ni byiza ko

mudutunga),abana bakiri bato mukajya mubasomera amateka y'abazina babo batagatifu kugira ngo bakure babigana.

Nk'uko twabyumvise mu isomo rya kabiri,Imana yadukunze urukundo ruhebuje kugeza naho twitwa abana b'Imana , kandi tukaba turi bo koko. Ubwo turi abana b'Imana rero,mureke duharanire no kuba abatagatifu. Abatagatifu twibuka none bahoraga bashaka gusa na Kristu. Bakristu bavandimwe uwo muhigo natwe tuwugire uwacu,guhora dushaka gusa na Kristu. Guhora dusa na Kristu rero biradusaba iki? Biradusaba gucika kuri twa tugeso twacu tubi,kwirinda inzangano, biradusaba kuba abantu b'indahemuka,inyangamugayo, biradusaba kuba abantu baha abandi amahoro. Aho utuye mu mudugudu, mu kagari, mu muryango-remezo,ukaba umuntu ubaniye neza abantu bose. Iwanyu mu rugo ukaba umuntu utera amahoro. Twese ntawe utifuza iryo hirwe ry'ijuru, ariko se twese niko turikorera uko bikwiye? Tujya duhora tubitekerezaho?

Murabizi hari ubwo umuntu apfa akava kuri iy'isi, tugasigara tuvuga tuti:niyigendere yari umutagatifu. Siko tuvuga? Tubivugira iki? Tubivugira ko yari umuntu ugira neza, ubana n'abandi neza,mbese tubivugira ko yari umuntu w'Imana. Niho hahandi rero nababwiye ko ubutagatifu butangirira hano ku isi. Nyamara kandi hari na wawundi upfa tugasigara twiruhutsa tuvuga tuti: nagende turamukize,yari atumereye nabi,ndetse tukongeraho tuti kuki Imana yari yaratinze ku mudukiza. Ibyo byo tubivugira iki? Tubivugira imyitwarire ye itaduha amahoro.

Bavandimwe rero, ndabararikira gukorera kuba nk'uwo wambere buri gihe,ugenda ashimwa na bose. Ikigaragara ni uko uzava kuri iy'isi ashimwa na bose, ntakabuza Imana nayo ihita imwakira ikamushyira mu mubare w'abatowe. Nyamara uzayivaho ari ruvumwa n'Imana ntizamwakira. Abalatini baravuga ngo Vox Populi, vox Dei.

Ngarutse gato kuri Batisimu twahawe,igihe tubatizwa twahawe izina ry'ubukristu. Iryo zinatwahawe ntirikabe icyitiriro gusa. Iryo zina rijye rituganisha ku myitwarire ya Mutagatifu kanaka,nyirakanaka tuba twarahisemo kwisunga. Ni byiza ko duhora twiyibutsa agaciro ka Batisimu twahawe, tukamenya ko duhitamo kwitiranwa n'umutagatifu kanaka ,ku gira ngo dukurikize urugero rwe. Iyo dukora ibidahuje n'uko we yabayeho rero, tuba twambitse isura mbi iryo zina ritagatifu. Twese uko turi ahangaha rero, tujye duhesha ishema iryo zina ritagatifu. Buri wese mu buzima bwe bwa buri munsi, ajye ahora akorera kujya muri wa mubare w'abazashyirwaho ikimenyetso

nk’uko twabyumvise mu isomo rya mbere na none. Ibyo tubamo byose,ibidushimisha n’ibitubabaza,bitubere uburyo n’inzira yo gukorera ubutungane buzatugeza ku butagatifu.

Dusoze twongera kwiyibutsa aya magambo twasomye mu Ivanjili ya Matayo aho Yezu atubwira ngo:

-Hahirwa abakene ku mutima kuko Ingoma y’Ijuru ari iyabo.
-Hahirwa abiyoroshya kuko bazatunga isi ho umurage.
-Hahirwa abasonzeye ubutungane, bakabugirira inyota kuko bazahazwa
-Hahirwa abagira impuhwe kuko bazazigirirwa
-Hahirwa abakeye ku mutima kuko bazabona Imana
-Hahirwa abatotezwa bazira ubutungane, kuko Ingoma y’Ijuru ari iyabo.

Yezu akarangiza agira ati: nimwishime munezerwe kuko ingororano yanyu ari nyinshi mu ijuru. Mu yandi magambo,arabwira buri mukristu wese muri twe guhora ararikiye ubukungu bw’Ijuru. Nibyo yita gukena ku mutima. Koko rero ushobora gukira bisanzwe, bishingiye ku bintu by’isi, ariko ukabura ubukungu bw’ijuru. Niyo mpamvu Yezu agira ati: Barahirwa abakene ku mutima. Wowe rero utunze byinshi hano ku isi, byifashishe ushakashaka bwa bukungu bw’ijuru ku gira ngo uzagire umwanya mu rwego rw’abahire. Uti nabigenza nte? Twibuke igisubizo Yezu yahaye wa musore w’umukungu wamubazaga ati nabigenza nte kugira ngo nzaronke ubwami bw’ijuru? Yezu niko kumusubiza ati: Genda ibyo utunze byose ubisangire n’abakene maze uzabe wizeye ubwami bw’ijuru. Natwe rero bavandimwe,gufasha abakene,abababaye,abatishoboye,ni imwe mu nzira yo kwitagatifuza.

Bakristu, Bavandimwe, muri bike cyangwa se byinshi Imana yaduhaye tujye twibuka gufasha abababaye kuturusha.

Dukomeze twisunge abatagatifu bo mu Ijuru, bazina bacu, bakuru bacu bakomeze baduhakirwe kuri Nyagasani twe abakiri mu rugendo hano ku isi.

Nyagasani Yezu nabane namwe.

JHS

Uyu munsi kandi hari hateguwe ibirori bitandukanye kandi byari byiza.

_DSC0205.MOV

Mu ijambo rye Padiri Mukuru KANZIRA Gaspard,yatangiye ashimira ishyaka abonana abakristu ba Santrale Nyina wa Jambo Kanama,kuko bigaragara ko bari gutera imbere. Yakomeje ashimira Umwepisikopi uduha ubutumwa kandi akadufasha no ku burangiza neza. Yashimiye kandi abakristu ba Santrale ya Kanama bamuhaye **Certificat y'ishimo** kubera akomeza kubaba hafi no kubungura ibitekerezo ngo bifashe gutera imbere ari ku mubiri no kuri Roho.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA mu ijambo rye risoza uwo munsi, yatangiye ashimira cyane abakristu ba Santrale Nyina wa Jambo Knama, kubera ishyaka bafitiye Kiliziya yabo. Yakomeje abashimira uko bateguye uwo munsi n'abandi bose babigizemo uruhare. Cyane ariko yabashimiye ibikorwa bakora bigaragaza ko bafite ugushyira hamwe kuzuye.

Yabashimiye impano bamuhaye y'Inka nziza; abasaba ko ubwo bamuhaye inka ntihazagire umwana urwara bwaki kandi inka zikamwa zihari. Yakomeje abwira abakristu ba Santrale ya Kanama kwihatira kurangwa n'isuku ku mutima no ku mubiri. Kugira ngo koko uko batera imbere bibe bigaragare mu mibereho yabo yose. Yashoje yifuriza buri wese kugira umunsi mwiza w'abazina be mutagatifu, no guharanira ku mwigana mu migenzereze ye yose.

Padiri Jean Marie KWIZERA